

Kigali, le 5 août 1970

N° 95/04/IT.01.1/70

Annexe: 2

A S.E. Monsieur le Président
de la République Rwandaise
à K I G A L I

✓A Monsieur le Ministre (tous)
à K I G A L I

A Monsieur le Secrétaire d'Etat (tous)
à K I G A L I

*Ministre Délégué à Présidence pour la Coordination
des Affaires Politiques et Administratives*

Monsieur le Président,
Monsieur le Ministre,
Monsieur le Secrétaire d'Etat,

J'ai l'honneur de vous transmettre le programme que compte réaliser l'Office Rwandais du Tourisme, s'étendant sur une période de 3 ans, et ceci en complément des Statuts qui vous ont été transmis pour un examen urgent au Conseil du Gouvernement.

Bien sûr ce programme n'est qu'indicatif; il est donc sujet à d'autres adaptations ultérieures, car nous attendons une étude touristique complète que le Groupe belge "Structures" nous soumettra bientôt, et dont le financement est assuré par l'OCD.

Je vous prierais donc de réserver la priorité voulue à l'examen de ces Statuts au Conseil du Gouvernement.

Le Ministre de l'Information
et du Tourisme

Fr. MINANI

1. PREAMBULE

1.1. C'est en 1967 qu'il fût pour la première fois réellement question de développement du Tourisme en République Rwandaise. A cette époque, Monsieur VAN BILSEN, promet l'aide financière de la Belgique, et notre département propose la mise en valeur d'un premier circuit touristique: Kigali-Gabiro-Gisenyi-Kibuye-Kigali.

Dans la capitale, il était question à ce moment de la construction d'un grand hôtel qu'un groupe suisse promettait de financer. Gisenyi ayant déjà une infrastructure hôtelière suffisante, nous reportons nos efforts sur Gabiro et Kibuye, pour lesquels nous obtenons les premiers crédits en 1968. Nous prévoyons aussi un "stop-over" à Remera, l'étape Gabiro-Gisenyi étant particulièrement longue.

De longues et interminables tergiversations administratives font que les travaux sont seulement commencés en 1969 à Gabiro où le gros du travail ne commencera même qu'en 1970, et que à Kibuye, seules les transformations aux bâtiments existants sont achevées, les plans d'agrandissement étant toujours à l'étude!! Quelques réalisations toutefois: la transformation du gîte de Remera, l'installation d'un réseau radio, la signalisation à Kigali, l'achat d'une vedette touristique pour le lac Kivu, l'ouverture d'un bureau d'information à Gisenyi, la mise sur pied du ballet National, la création de nouvelles pistes et la remise en état des anciennes au Parc de la Kagera, permettant sa traversée du Nord au Sud.

1.2. On ne peut donc pas dire que rien n'a été fait, mais il est évident que nous aurions pu faire beaucoup plus.

1.3. Notre but est d'examiner ensemble les raisons de notre échec partiel, les moyens d'y remédier, et de réaliser un développement touristique digne de ce nom.

1. IJAMBO RY'IBANZE

1.1. Mu mwaka wa 1967 nibwo nyakuli bwabaye ubwa mbere ikibazo cyo kuzamura Turismi mu Rwanda cyitonderwa. icyo gihe nibwo Bwana VAN BILSEN yasezeranyaga u Rwanda ko u Bubiligi buzarubifashamo mu byerekeye amafuranga; ni nicyo gihe département yacu yashatse gutengeneza amayira ya mbere ya bamukerarugendo mu turere twa Kigali-Gabiro-Gisenyi-Kibuye-Kigali.

Muli Kapitali, icyo gihe bavugaga ko hali abasuwiye bashakira kuhabuka hoteli nini. Tumaze kubona ko Gisenyi yari ifite za hoteli zihagije icyo gihe, nibwo twihatiye Gabiro na Kibuye, tuzibonera amafuranga ya mbere muri 1968. Twashakaga aliko no kubaka "icumbi" i Remera, kuko hagati ya Gabiro na Gisenyi twabonaga hali akarere karekare.

Igingimiranya rya administration ridacika niryo ryatumye imilimo itinda igatangira i Gabiro muri 1969, igice cyayo kinini kinatangira muri 1970, naho ku Kibuye ho, icyarangiyeye n'uguhindura utuntu n'utundi mu mazu asanzwe; kuyongera byo biracyadindijwe n'uko za plans zikigwa!! Cyakora hali icyashoboye kugerwaho: nko guhindura gîte y'i Remera, gushyiraho amaradio yo kuvugiramo, gushinga ibyapa i Kigali byerekana amayira, kugura ubwato bugenewe ikiyaga cya Kivu, gushinga ibiro bya Turismi ku Gisenyi, gushinga "Ballet National", guharura za pistes nshya no gukora mu zali zisanzwe muri Parc ya Kagera ku buryo zihitanyaga Parc kuva ruguru kugera epfo.

1.2. Ntitwavugaga rero ko ntacyakozwe n'ubwo twari gushobora gukora ibirenze ho.

1.3. Ubu ngubu icyo dushakira n'ugusuzumira hamwe impamvu twatsinzwe n'igice kimwe cy'imilimo, hamwe n'umuti wabyo kugirango tugere ku majyambere ya Turismi nyakuli.

2. INTERET DU TOURISME

2.1. Une première remarque, que nous croyons devoir faire, est que nombreux sont encore ceux qui ne sont pas convaincus de la nécessité de mettre tout en oeuvre dans notre pays pour y favoriser le développement d'une industrie touristique.

2.2. En fait, ce Tourisme, est-il une industrie intéressante? et, cette industrie est-elle adaptée au Rwanda?

2.2.1. Au point de vue intérêt, il n'y a pas de doute, l'exemple de tant et de tant de pays est là pour nous éclairer. L'Espagne par exemple remplit tout son déficit budgétaire grâce au Tourisme, la Grèce également. Même la fière Angleterre s'y est mise et maintenant le tourisme est devenu le numéro Un dans ses exportations.

La notion de bénéfice en Tourisme n'est pas difficile à comprendre. Pour les autres objets d'exportation: minerais, café, thé, etc..., il est nécessaire d'importer beaucoup: machines, engrais, emballages..., le bénéfice pour le pays est alors la différence entre importations et exportations. De plus les mines s'épuisent, la terre aussi.

Pour le tourisme comment cela se passe-t-il? Et bien, les habitants du pays qui veut attirer des touristes restent bien tranquillement assis chez eux. Le Touriste arrive et veut manger et dormir, il sort ses devises et paye le dîner et la chambre. Mais il ne les emporte pas le lendemain ni le surlendemain; des années durant chaque chambre d'hôtel est payée en devises que les étrangers apportent. Mais l'étranger veut voir les volcans, admirer les lacs. Il paye l'essence, l'huile, les pneus en devises. Il veut voir les danses et paie en devises, il veut acheter des souvenirs et paie en devises. Il est donc la seule source de devises qui ne sort rien du pays, car ses yeux ne peuvent ni user les volcans, ni vider les lacs et cependant il les paie. D'autre part l'argent que les touristes versent, circule trois ou quatre fois dans différentes mains donc rapporte à beaucoup de personnes,

2. AGACIRO KA TURISMI

2.1. icyo twabanza kukavugaho ni uko hakiliho abantu benshi batariyemeza neza ko twese hamwe tugomba gukoresha ingufu zose ku-girango tuzamure mu Rwanda ubucuruzi bwa Turismi.

2.2. Bakibaza ngo, ese Turismi ifite akamaro? ese ikwiriye kubaho mu Rwanda?

2.2.1. Akamaro ka Turismi ntawagashidikanya na gato. Hali ingero nyinshi z'aho yagize akamaro hirya no hino zagombye kubitwemeza. Igihugu cya Espagne gikizwa déficit yose muli budget na Turismi; n'u Bugereki ni uko. N'u Bwongereza bwali bwarayisuzuguye, ubu bwarayihagurukiye, Turismi isigaye ali iyamba mu bigurwa n'amahanga (exportations).

Rwose akamaro ka Turismi ntikagoye kumvikana.

Ibindi bigurwa n'amahanga (ubutare, kawa, cyayi, n'ibindi), bigomba kare kose gutegurwa n'ibintu byinshi biguzwe mu mahanga: Za mashini, amafumbire, ibyo babihambiramo, n'ibindi, inyungu icyo gihe ni icyo ubona ukuye amafranga watanze mu mahanga (importations) mu yo amahanga yakuzaniye (exportations). Hali ni ikindi, za mines zirashira, ubutaka bugasaza.

Naho muli Turismi, uko bigenda ni ukundi. Ni uku: abaturagihugu gishaka gukurura abashyitsi-mukerarugendo, bigumira iwabo. Mukerarugendo akaza, ashaka kurya, kunywa no gusinzira: agakoresha amadevises yishyura ibiryo n'icyumba, akabona kurya no kuryama. Bwacya na bukaye bwaho, ya madevises ntayasubirana, ahubwo buli cyumba muli hoteli irakomeza, mu myaka n'iyindi, ikishyurwa amadevises ba mukerarugendo bazana. Umunyamahanga azaza yifuza kureba ibirunga n'ibiyaga, azagura essence, amavuta, imipira y'imodoka, n'ibindi, atange amadevises. Azaza ashaka kureba imbyino n'imihamilizo, atange devises. Azashaka kugura udukorikori tumwibutsa aho yageze, atange devises. Uwo mushyitsi-mukerarugendo niwe lero wenyine soko ya devises idatamba ngo ive mu gihugu, kuko amaso ye adashajisha ibirunga ngo akonoze ibiyaga, ibyo byose bikaba bityo kandi akomeza akagura aliko yishyura. Ikindi kandi, amafranga yishyurwe nawa mushyitsi-mukerarugendo, anyura mu ntoki nyinshi z'abenegihugu akaba yunguye benshi.

ainsi: un groupe de touristes passe quelques jours dans un hôtel. Ils payent l'hôtel. Mais l'hôtelier paie son personnel, qui va acheter des vivres, des vêtements, du pétrole. Les cultivateurs qui ont vendu leurs vivres vont acheter des houes et des vêtements. Conséquence: l'hôtelier gagne, le personnel gagne, les cultivateurs gagnent, les commerçants gagnent, les tailleurs gagnent. Cela fait un cercle sans fin. Car il faut aussi dire que l'hôtelier achète des oeufs, des poules, du lait, des légumes, qu'il paie du bois, etc... un hôtel bien achalandé devient une mine d'or pour la région.

La même chose peut se dire d'un centre artisanal, ils vendent, ils achètent, ils payent... où d'une station service florissante qui doublera son personnel. Et l'Etat Rwandais? eh bien il profitera partout de la prospérité. Taxes sur les revenus hôteliers, sur ceux des commerçants. Taxes sur les importations des commerçants, sur l'essence, les pneus, les licences d'alcool, la chasse, etc... Sans compter que le niveau de vie montant, toutes les ressources du pays augmentent. La circulation des devises dans un pays peut se comparer à la circulation du sang dans le corps humain. Elle irrigue tout, fait tout prospérer et fait tout vivre.

2.2.2. Et maintenant tâchons de voir si le tourisme est une industrie adaptée au Rwanda, et pour ce faire, faisons l'inventaire de ce que nous avons à vendre aux touristes. Tout d'abord, notre merveilleux climat. Pour un européen ou un américain, respirer l'air pur de nos montagnes sans jamais avoir trop chaud ou trop froid, vaut déjà le voyage et le déplacement. Ensuite nos paysages splendides, nos montagnes, nos lacs, nos volcans. Ces vues, cette végétation spéciale, sont une nouveauté pour lui. Enfin l'attrait de nos parcs. Le Rwanda a deux des plus beaux parcs de l'Afrique; celui des volcans pourrait attirer des centaines de touristes à cause des gorilles qui l'habitent.

Climat, paysages et parcs nous seront achetés très cher par les touristes et cependant ils ne pourront ni les emporter, ni nous en priver.

urugero: tuvuge ko hali igisagara cya ba Mukerarugendo kimaze iminsi muli hoteli, bishyuye nyili iyo hoteli, nawe azahindukira ahembe abakozi be, nabo bajye kugura ibibatunga, imyambaro n'ibindi. Iki-vuyemo niki? Ni uko ali umunyahoteli, ali abakozi be, ali abahinzi, ali abacuruzi, ali abadozi, bose bahabonye inyungu, bikaba urudaca, kuko tugomba kwibuka ko nyili hoteli agura amagi, inkoko, amata, imboga, inkwi, n'ibindi, ugasanga lero hoteli ikora koko, ibera akarere ilimo isoko y'amafranga menshi. Ibyo twabivuga no kuli za centres z'imyuga.

Muli ibyo byose Leta nya Rwanda izavaha mw'iki? Izavanamo umudendeze za taxes zitangwa n'abanyahoteli, za taxes ku mutongo w'abacuruzi, za taxes batanga iyo baguze ibintu mu mahanga, za taxes kuli essence, ku mipira y'imodoka, ku mayoga, ku muhigo n'ibindi n'ibindi. Ibyo kandi bikaba ali umutungo w'igihugu wiyongera kuko imibereho myiza iba yiyongereye.

Nkuko amaraso atembera bikagilira umubili w'umuntu akamaro, ni nako amadevises atembera mu gihugu akakizamura.

2.2.2. Babandi bakongera bakibaza niba Turismi yagombye kuba ho mu Rwanda. Tubanze turabe icyo ba mukerarugendo bazaza kudu-sangana. Mbere na mbere badusangana imicyo myinshi. Kugirango umunyaburayi cyangwa umunyamerika ashoboro guhumeka umwuka mwiza wo mu mizozo y'ino atavuga ngo harakonje cyangwa ngo harashyushye bikabije, ibyo byonyine byamuzana ntiyicuze kuba yaje. Ikindi kandi, imisozi y'ino ibisiza n'ibigarama, ibiyaga n'ibirunga, amashyamba, ibihingwa n'ibindi bimera, ibyo byose yasanga ino, bizamubera amatsiko kuko ali ubwa mbere abibona. Za parki u Rwanda rufite nazo zakurura abagenzi benshi: zili mu nziza zihebuje muli Afrika. Nka parki yitwa "Parc y'ibirunga" ishobora gukurura amagana n'amagana kubera za mpundu ziyibamo. Ibyo byose ba mukerarugendo bazabigura babitangeho byinshi, badasubirana.

Ajoutons à cela que d'ici la fin de l'année nos Guest-Houses seront en état de recevoir déjà des groupes d'une trentaine de touristes et qu'à Kigali l'infrastructure hôtelière actuelle leur permet de transiter d'excellentes conditions de logement.

Le Rwanda est donc fait pour le Tourisme et il possède à cet effet une vocation naturelle. Reste encore un point à souligner: la main d'oeuvre dont l'industrie touristique a grand besoin y est abondante.

2.2.3. Toutefois, la vocation touristique existant dans notre pays, la mise en valeur de ce capital, la création et l'exploitation rationnelle de l'hébergement, l'équipement touristique en général, tout cela ne peut se faire qu'à partir d'une politique consciente et coordonnée.

3. DE LA NECESSITE D'UNE ORGANISATION STABLE A BASE LEGALE AFIN D'EXPLOITER RATIONNELLEMENT NOTRE CAPITAL TOURISTIQUE.

3.1. La politique touristique établie par notre Ministère doit être solidement appuyée par les divers pouvoirs publics. Pour ce faire il est absolument indispensable d'avoir un organisme touristique stable, ayant un statut légal bien défini, disposant d'une certaine autonomie d'administration et de gestion reconnue par la loi et soutenue par l'Assemblée et le Gouvernement.

3.2. Il est impossible de mener une politique touristique cohérente s'il n'y a pas un organisme spécialisé pour s'occuper de cette activité.

On ne pourrait mettre en oeuvre une industrie touristique tant qu'il n'y a pas dans les cercles de direction de l'administration centrale un organisme dont c'est la tâche exclusive. Bref, tant qu'un Office du Tourisme n'est pas reconnu au même titre que le serait un de nos ministères on ne peut espérer faire valablement du Tourisme au Rwanda.

Cet Office établi, il devra prendre en charge tout ce qui a rapport avec l'équipement touristique du pays: hôtels, parcs, vedettes, vente d'articles artisanaux, ballets nationaux, domaine de chasse, etc...

Twakongeraho ko mu mpera y'umwaka za Guest-Houses zacu zizashobora kwakira ibisagara by'abantu mirongo itatu imwe imwe, ikindi kandi ni uko i Kigali ubungubu, ba mukerarugendo bashobora kuhanyura baka-hatinda bukeya mu mazu meza.

Ubundi kandi abakozi Turismi yakenye, n'ubwo ari benshi, u Rwanda rurabafite. Ibyo byose birerekana ko Turismi ibereye u Rwanda, u Rwanda ruberanye na Turismi

2.2.3. Gusa lero, uko kubera k'u Rwanda na Turismi, ugukoresha ubwo buranga, ugushinga no gukoresha amacumbi mu bwungutsi, ibyo byose bigomba politiki iziriyakanye kandi yitaweho mu bufatanye buhageze.

3. DUKENEYE UMULYANGO UHAMIJWE N'AMATEGEKO ABEREYE IMIKORESHE-REZWE Y'UMUTUNGO DUKESHA TURISMI.

3.1. Politiki ya Turismi yashinzwe na Ministeri yacu igomba gushyigikirwa n'izindi nzego z'ubutegetsi. Kugirango ibyo bibeho, ni ngombwa rwose gushinga Umulyango Turismi yihariye, ufite amategeko yawo asobanutse, n'ubwigenge bwemewe n'itegeko kandi bushyigikiwe na Gouvernement hamwe n'Inteko ishinga amategeko.

3.2. Ntibyashoboka kugira politiki ireba Turismi iboneye idasimbagurika, tudafite uwo muruyango ubigenewe ngo uyitaho.

Industrie ya Turismi ntizabaho, tutagize mu butegetsi bwa administration, umuryango nkuwo ngo ari aho cyo ikora gusa. Ni ukuvugako igihe tuzaba tudafite Offisi ya Turismi imeze kandi irebwa kimwe na Ministeri ziri ino, ntidufite kwizera amajyambere na make muri Turismi mu Rwanda.

Iyo Offisi imaze gushingwa, yagombaga kwita ku bireba Turismi byose: za hoteli, parki, amato, imyuga, imikino, imihigo, n'ibindi.

Mais d'un autre côté, il y aura alors des responsables de la gestion de tout ce capital, et cette gestion sera envisagée d'un point de vue unique, par une direction centralisée qui pourra la coordonner. Plus de crédits de droite et de gauche, pour des projets poussant à hue et à dia, mais un plan clairement établi, qu'on suivra point par point, soutenu par des crédits dépensés en connaissance de cause et prévus pour rapporter le plus vite possible les revenus nécessaires à l'expansion touristique.

3.3. Si la mise en valeur rationnelle et rapide de notre capital touristique ne se fait pas comme nous l'aurions souhaité, nous devons en trouver la cause uniquement dans la dispersion de nos efforts et dans l'absence d'autonomie dans les possibilités d'action et d'exécution.

Nous voudrions ici montrer que par quelques exemples comment les efforts déployés par notre Ministère restent souvent inutiles par suite du manque de coordination entre les différents organismes gouvernementaux. Non pas que ceux-ci soient de mauvaise volonté, mais chacun vit dans son monde à lui, travaille dans une optique particulière, et ne se préoccupe pas des efforts de son voisin.

Ainsi, le Ministère du Tourisme fait établir de nouvelles pistes dans le Parc de l'Akagera, remet en état les digues et l'ancienne piste, mais on s'aperçoit par la suite que les crédits pour l'entretien des pistes sont insuffisants. Tout le travail fait est ainsi perdu.

Le Ministère du Tourisme installe un stand à l'aéroport de Kanombe, afin d'y exposer pour la vente des objets d'art local, mais il ne dispose pas de fonds pour approvisionner convenablement ce stand. Nous disposons de crédits pour organiser des jeux de plages à Gisenyi, mais qui en assurera et en contrôlera la gestion? Quand un investisseur étranger propose de construire de nouveaux hôtels au Rwanda, sa demande fait le tour des ministères mais il ne reçoit aucune réponse nette. Nous sommes parfois "consultés"!!! mais certains ministères répondent directement sans avoir même recours à nos avis, car tous font du Tourisme

...

Muli ibyo byose, hagomba kubaho ba responsables babicunga umujyo umwe ibyo byose bigatekerezwa na direction imwe igomba kubisuganya. Ibyo byose bigomba amafranga menshi, agomba gushakishwa hirya no hino, aliko agakoreshwa mu gitekerezo cy'umujyo umwe (plan) gikurikizwa ingingo ku ngingo, amafranga agatangirwa impamvu nyayo kandi izatuma agaruka vuba.

3.3. Igihe tubona ko Turismi yacu idakurikira amayira twayifuzagamo, impamvu n'uko umwe akora ukwe, kandi hakaba habuze ubwigenge mu bikorwa byose byerekeye Turismi

Aha ngaha, turifuza kubaha ingero z'ukuntu ibyo Ministeri yacu ikorera Turismi bibura kenshi na kenshi umumaro kubera ko ibyo izindi Ministeri zikora biba bitajya umujyo umwe na byo. Ibyo byose ntizibikorera ubugome, ahubwo buli muntu asa nkuba mw'isi ye wenyine, agakora uburyo abyumva, atibuka uko umuturanyi we akora.

Ministeri ishinzwe Turismi iharuza pistes nshya muli parki ya Kagera cyangwa se igasubizaho imigomero yali yarasandaye cyangwa se ikagerageza gukora amapistes asanzweho, amafranga ayibana makeya, nibyo yakoze ugasanga bipfuye ubusa.

Ministeri ishinzwe Turismi yashinze i Kanombe Stand yo kwerekana no kugurisha ibintu by'imyuga nyarwanda. Gusa amafranga ni make, ntishobora kugemulira iyo Stand.

Dufite udufranga two gutangira imikino ku nkuka z'i Kivu, ku Gisenyi. Gusa ninde uzabicunga? Igihe umunyamafranga avuye mu mahanga akaza ino ashaka kubaza za hoteli, azenguruka za Ministeri akabura igisubizo na kimwe yatahana. Limwe na limwe "batubaza" igitekerezo cyacu. Aliko Ministeri zimwe na zimwe zisubiza umunyamahanga nk'uwo batatubajije na gato, kuko ibyerekeye Turismi bisa nkibireba buli muntu wese...

les projets dans ce domaine

les projets dans ce domaine sont, semblent-ils, du ressort de tout un chacun, certes les idées ne manquent pas... mais... comme le dit un proverbe africain "Dire n'est pas encore faire". Nous n'avons jamais réussi malgré nos efforts à provoquer entre les ministères intéressés une réunion mettant au point le développement touristique du Parc de la Kagera!!

Le tourisme cinématographique n'est pas dans nos attributions. Sur quatre hôtels gouvernementaux, les problèmes de gestion dépendent d'au moins trois ministères.

Nous ne disposons d'aucun crédits pour éditer des cartes postales (d'autres ministères considèrent d'ailleurs que c'est leur problème) ni pour éditer des cartes routières. Avec quel argent ferions nous de la propagande et de la publicité??

3.4. Nous voudrions à nouveau insister sur la nécessité absolue de ramener TOUT ce qui a trait au tourisme:

- les hôtels: location, surveillance, pourparlers avec les investisseurs éventuels, etc.
- les parcs: exploitation touristique
- la chasse: surveillance, émission des permis, etc..
- les lacs: bateaux, établissement de parcs de camping
- l'artisanat: prix, vente, etc...

sous la direction d'UN SEUL ET MEME ORGANISME, SEUL RESPONSABLE.

4. PRINCIPES DE BASE DE LA NOUVELLE ORGANISATION

4.1. Aspect juridique

L'Office du Tourisme est un établissement public doté de la personnalité civile et placé sous la tutelle directe du Ministre de l'Information et du Tourisme.

Il s'agit donc d'un organisme décentralisé sur lequel le Ministre conserve néanmoins un pouvoir de tutelle. L'autonomie dont jouit l'Office lui permet d'assurer sa mission avec un maximum d'efficacité et de rapidité, sans être soumis aux lenteurs et à la rigidité propres à l'administration centrale

Kugeza ubu ntabwo za Ministeri zigenga Parki ya Kagera zashoboye guhura ngo zigire hamwe icyayizamura kandi duhora tuzibibasaba!!

Turismi y'umuhigo ntiri mu bigangwa na Ministeri igenga Turismi.

Nta mafranga dufite yo gukoresha amakarta postales, cyangwa gukoresha amakarta y'imihanda. Amakarta postales kandi hali izindi ministéri zibwira ko nazo zibishinzwe. Nta mafranga dufite yo gukora propagande ya Turismi.

3.4. Twongeye kwibutsa akamaro ko gushyira ibireba Turismi byose mu maboko y'umulyango umwe, ukaba ali wo ubigenga ali nawo ubibazwa

- hoteli: kuzicunga, kwakira amafanga azivuyemo, kuvugana n'abashaka kugira izo bubaka, n'ibindi
- parki: kuzikoresha muli Turismi
- guhiga: gutanga imhushya, kuzicunga
- ibiyaga: amato, camping
- imyuga: ibiciro, kugurisha, n'ibindi.

4. INTEG0 NYAKULI UBWO BUTEGETSI BUGAMIJE

4.1. Ubuzima gatozi

Offisi ya Turismi yemewe mu butegetsi ikagira ubuzima gatozi mu buryo Ministeri y'Amatangazo ya Leta na Turismi aliyo izajya iyibonera.

Ni ukuvuga ko ali umulyango utagengwa n'amategako asanzwe, Ministri ntayitegeka mu milimo yayo aliko akayirebera mu buryo ashobora kutepera ibikorwa bya Offisi cyangwa kubyangwa rwose igihe bidahuje n'intego yagenewe kugeraho. Mu by'ukuli Offisi ifite ubwigenge nyabwo butuma ikora imilimo yayo mu buryo bwuzuye kandi bubangutse, itagombye gukurikiza inzira ndende kandi zitorosheye ubutegetsi bw'Igihugu busanganywe.

4.2. Objet de l'Office

Il est exposé de manière exemplative dans le Projet de Loi. Il a pour objet de promouvoir et d'orienter par tous les moyens adéquats, le développement des activités touristiques du Rwanda. Ses attributions sont reprises dans l'article 2 du projet.


4.2. Intego ya Offisi yerekanywe mu magambo avunaguye mu mushinga w'Itegeko, bikumvikana ko ali ugutsura amajyambere y'ibyateza Turismi imbere byose mu Rwanda.

Ibyo ishinzwe bili mu ngingo ya 2 y'itegeko.

5. FONCTIONNEMENT DE L'OFFICE

5. UBUTEGETSI BWA OFFISI

5.1. Organisation interne: ORGANIGRAMME



5.2. Attributions de personnel. Ces attributions ne sont pas limitatives et peuvent être sujettes à modification.

5.2. Imilimo y'abakozi.

5.2.1. Directeur Général

- coordonne et surveille tous les services
- répartit les affaires à traiter entre les différents services
- donne les instructions pour la gestion des crédits
- reçoit et ouvre toute la correspondance
- traite personnellement les affaires qu'il estime devoir se réserver à lui-même

5.2.1. Directeri jenerali

- ayobora akazi kose
- agena ibizakorwa muli buli biro
- atanga amategeko kubyerekeye ikoresha ry'imali ya Offisi
- yakira kandi agasubiza amabarwa
- niwe ukiranura ibyananiranye

- organise la formation professionnelle de ses agents (écoles d'hôtellerie et de tourisme)
- assure les contacts voulus avec l'Administration.

5.2.2. Directeur-Adjoint

- assiste le Directeur général et le remplace en cas d'absence
- s'occupe plus spécialement des relations avec les organismes étrangers et internationaux
- s'occupe de l'administration du personnel
- inspecte régulièrement l'équipement touristique du pays: contrôle des sites, des bureaux régionaux, de l'application du statut des agences de voyage, etc...

5.2.3. Secrétaire de Direction

- tenue de l'indicateur général
- classement
- expédition
- économat (matériel de bureau, papeterie, ...)
- réception des visiteurs et organisation des audiences éventuelles

5.2.4. Service de l'Équipement Touristique

Attributions à répartir entre le chef de service et son adjoint

- contrôle des hôtels gouvernementaux
- contrôle de l'application du statut de l'hôtellerie dans le pays
- surveillance et aménagement des sites touristiques
- organisation du tourisme cynégétique
- organisation des spectacles folkloriques (ballets rwandais)

5.2.5. Service de propagande - Presse - Accueil

Attributions à répartir entre le chef de service et son adjoint

- constitution d'une documentation touristique
- relations avec les agences de presse
- relations avec les organismes culturels
- propagande au Rwanda et à l'étranger (articles de presse - brochures touristiques)
- émissions radio
- organisation des expositions
- contrôle des bureaux régionaux du tourisme (information et accueil)

- ategura inyigisho ziteza abakozi be imbere (nk'ishuli ryerekeye iby'amacumbi n'irya Turismi)
- niwe ufite uburenganzira bwo kugira icyo avugana n'inzego za Leta.

5.2.2. Directeri

- akorana na Directeri jenerali akanamusimbura igihe adahali
- akamenya cyane cyane umubano w'indi milyango ya Turismi mu mahanga n'iy'isi yose
- niwe utegeka abakozi bose
- agenzura adahwema ibyo Turismi itunze: ibya kwamamaza Turismi byose, ibiro by'Uturere, akita ku ikulikizwa ry'amategeko agenga ibiro by'abagenzi, n'ibindi.

5.2.3. Umukarani w'ibiro

- ashinzwe igitabo cy'amabarwa yinjira n'asohoka
- agatanganya ibyerekeye impapuro zose no kuzohereza
- yita ku bikoresho byo mu biro
- akaba ari we ubonera abashyitsi n'iby'imibonano

5.2.4. Biro bireba ibyo Turismi itunze

Ako kazi kareba Umukarani mukuru w'ibiro n'Umusimbura we

- kugenzura amacumbi agengwa na Leta
- kwita ku mategeko agenga za hoteli mu gihugu
- gutunganya no kurondera uturere ba mukerarugendo bakunda kwidagaduramo.
- kwamamaza no guteza imbere Turismi ku bakunda guhiga
- gutunganya no kurarura amashyamba yitangiye imikino ya kamere mu gihugu.

5.2.5. Biro byamamaza Turismi

Na none ako kazi gashinzwe Umukarani mukuru mu biro n'umusimbura bakita cyane cyane kuli izi ngingo:

- gukora amatangazo y'ibyiza bitatse igihugu
- gukomeza umubano n'ibiro by'Amakuru
- gukomeza umubano n'ibiro by'Ubuganda
- kwiyamamaza mu gihugu no mu mahanga bishingiye kuli ya matangazo y'ibyiza bitatse igihugu
- ikiganiro cya Turismi muli Radio
- gutunganya za expositions
- kugengagenga ibiro by'uturere cyane cyane ibyerekeye kwakira no kwamamaza Turismi

- organisation et contrôle du service d'accueil
- tenue des registres de statistiques touristiques, hôtelières et autres

5.2.6. Services des Affaires Générales

5.2.6.1. Bureau de comptabilité

- gestion de l'office
- tenue de toutes les pièces comptables
- prévisions budgétaires
- rapports annuels

5.2.6.2. Secrétariat

- traite les affaires ne rentrant dans les attributions d'aucun service
- organise les transports
- contrôle l'entretien du matériel de transport
- rapports avec les bureaux installés à l'étranger et avec les ambassades rwandaises

5.3. Les qualifications requises pour le personnel sont les suivantes:

- directeur général et directeur-adjoint: niveau universitaire et connaissance parfaite du français. Connaissance de l'anglais et si possible de l'allemand.
- chef de service: fonctionnaire principal
- adjoint au chef de service: fonctionnaire principal ou à défaut fonctionnaire de 3ème classe

6. L'ACTIF DE L'OFFICE DU TOURISME

Le capital de l'Office se présente comme suit au départ:

Immeubles a) Hôtels

-Guest-House Gabiro	15.000.000
-Guest -House Kibuye	8.000.000
-Hôtel des Diplomates	37.000.000
-Hôtel des Députés	27.000.000
-Relais Remera	300.000

b) Bureau Régional de Gisenyi

-Mobilier et matériel de bureau Kigali-Gisenyi-Kanombe	200.000
--	---------

- kwita no gutunganya ibiro bigenewe kwakira abashyitsi
- kwita ni kubika ibitabo bilimo imibereho ya Turismi yose

5.2.6. Ibiro by'imilimo rusange

5.2.6.1. Ibiro bya Comptabilité

- uko imali ikoreshewa
- impapuro zibyerekeyeho
- gutegura imali izakoreshewa
- raporo za buli mwaka

6.2.6.2. Sekretaria

- akazi kandi k'ingereka
- gutunganya ibyerekeye amamodoka
- kwita ku bikoresho byazo
- umubano udahwema n'ibiro bya Turismi y'u Rwanda bili mu mahanga na za ambassade.

5.3. icyitonderwa ku bakozi ba Offisi ya Turismi:

- directeri jenerali n'umusimbura we: kuba balize université, bazi urulimi rw'igifransa mu buryo bunonosoye. Kumenya icyongereza byibuze se n'ikidage.
- Umukarani mukuru mu biro: Fonctionnaire Principal
- Umusimbura: Fonctionnaire Principal cyangwa se Fonctionnaire de 3ème classe

6. IMALI YA OFFISI YA TURISMI

Iyo mali iteye kandi iteguye itya:

Amazu a) Hoteli

-Guest-House Gabiro	15.000.000
-Guest-House Kibuye	8.000.000
-Hôtel des Diplomates	37.000.000
-Hôtel des Députés	27.000.000
-Relais Remera	300.000

b) Ibiro byo ku Gisenyi

-Ibikoresho byo mu biro Kigali-Gisenyi-Kanombe	200.000
--	---------

Mobilier des hôtels

-Gabiro	1.000.000	
-Kibuye	500.000	
-Diplomates	3.500.000	
-Députés	2.500.000	
-Remera	<u>120.436</u>	6.620.436

Vedette du Lac Kivu	1.451.203	
Equipement Radio	403.150	
Refuges Sabyinyo et Bisoke	224.537	
Equipement ballet national: costumes...	10.000	
Disponible (aide spécifique belge)	<u>10.000.000</u>	

total: 106.441.326

Ibikoresho bya za Hoteli

-Gabiro	1.000.000	
-Kibuye	500.000	
-Diplomates	3.500.000	
-Députés	2.500.000	
-Remera	<u>120.436</u>	6.620.436

Ubwato ku Kivu	1.451.203	
Radio	403.150	
Icumbi kuli Sabyinyo na Bisoke	224.537	
Ballet National	10.000	
Imfashanyo y'u Bubiligi (ikiriho ubu)	<u>10.000.000</u>	

106.441.326

7. EBAUCHE D'UN PROGRAMME D'ACTION A COURT TERME

Nous envisageons un premier programme d'action sur une période de trois ans.

7.1. Première Année: Mise à exécution de la loi créant l'Office

1. Désignation par le Président de la République d'un conseil d'administration composé de cinq membres
2. Elaboration du règlement organique de l'Office (Arrêté du Président de la République)
3. Désignation par le Ministre de l'Information et du Tourisme d'un Commissaire du Gouvernement
4. Elaboration d'un règlement d'ordre intérieur contenant notamment le statut du personnel
5. Construction et installation des locaux
6. Inventaire complet et détaillé du patrimoine touristique dépendant de l'Office
7. Mise en place de différents services
8. Etablissement d'un plan comptable et installation de la comptabilité
9. Formation professionnelle du personnel: pourrait se faire à l'Ecole des Cadres Murambi (durée 3 à 6 mois): voir en annexe un plan pour la formation accélérée des agents préposés à l'Office du Tourisme
10. Etablissement d'une planning avec l'aide du conseil d'administration: politique touristique à suivre et emploi des moyens
11. Etude approfondie et détaillée de la mise en valeur du Parc de la Kagera

7. PROGRAMME Y'IMYAKA MIKE YA VUBA

Iyo programme yaba iy'imyaka itatu

7.1. Umwaka wa mbera

1. Prezida wa Republika yashyiraho Inama y'Ubutegetsi uko igizwe n'abantu batanu
2. Gukora amategeko agenga iyo Offisi (Arrêté ya Prezida wa Republika)
3. Ministri w'Amatangazo ya Leta na Turismi yashyiraho Comisseri wa Gouvernement
4. Gushyiraho amategeko yo mu biro, nka Stati igenga abakozi
5. Kwubaka ibiro by'iyi Offisi
6. Ibarura rinonosoye ry'ibyerokereye Turismi, bili mu maboko ya Offisi
7. Gushyiraho services ngombwa zose
8. Gushyiraho "plan comptable" no gutangira Comptabilité
9. Kwigisha no kurera abakozi: bi-shobora kubera mw'ishuli rya Cadres i Murambi (amezi 3 kugera kuli 6): Reba annexe, urabonamo plan yo kwigisha abakozi mu gashyamba gato
10. Gukora planning, Offisi ibifashijwemo n'Inama y'Ubutegetsi: politiki rusange ya Turismi no gukoresha uduke dufite
11. Kwigira binonosoye uburyo bwo kuzamura Parki ya Kagera

7.2. Deuxième année: Exploitation rationnelle des deux principaux pôles d'attraction touristique: la Kagera et le Lac Kivu.

7.2.1. Objectif principal: le Parc National de la Kagera: les problèmes à résoudre:

- augmentation de la capacité d'hébergement
- organisation rationnelle de la visite du parc: pistes, entrées, surveillance
- aménagement complémentaires dans le parc pour permettre aux touristes d'y passer une journée complète
- début de réalisation du projet étudié au cours de la première année: construction d'un nouvel hôtel dans le parc, vedettes sur les lacs Mihindi et Ihema

7.2.2. Objectif Lac Kivu

- organisation de l'exploitation commerciale de la plage de Gisenyi:
 - jeux de plage: ski, canotage, tennis, golf, jeux d'enfants
 - excursions sur le lac: vedette
- organisation d'excursions dans les environs de Gisenyi
 - circuit du Bugoyi
 - circuit de l'Ankora
- remise en état et signalisation
- KIBUYE: à cette époque les agrandissements en cours à notre Guest-House sont supposés être achevés.

Il faudra:

- organiser les excursions sur le lac à travers les îles: débarcadères, emplacement de pique-nique, etc..
- organiser et exploiter commercialement des terrains de camping
- organiser des circuits touristiques dans les environs:
 - promenade circulaire vers Gishyita avec retour par l'ancienne route
 - promenade avec pique-nique au gîte de Kalolo

7.3. Troisième année: Exploitation rationnelle du Parc des Volcans. Organisation du tourisme cinématographique au Rwanda

- installation d'un lodge permettant l'hébergement d'une vingtaine de personnes dans le parc, entre le Bisoke et le Kalisimbi.

7.2. Umwaka wa kabili: Gutunganya uteza imbere hahandi hakunda kureshya ba mukerarugendo cyane cyane muli Kagera no ku Kivu.

7.2.1. Ku byerekeye Parki Nationali ya Kagera: ibigomba kugerwaho n'ibi:

- kongera amacumbi
- gutunganya mu buryo bufitiye akamaro ibyo gusura inyamaswa: amayira yaho n'ibya ngombwa byose bireba ba mukerarugendo
- guteganya aho abashyitsi baruhukira mu gihe baba bashatse kwilirwa mu ishyamba
- gushaka uburyo bwo kubaka indi hoteli hagati muli Parki hafi y'ikiyaga cya Mihindi n'Ihema no guteganya ubwato bwo gutembera kuli ibyo biyaga

7.2.2. Ibiza arwa ku Kivu

- gutunganya gicuruzi inkombe (plage) ya Gisenyi:
 - imikino yo ku nkombe: ski, golf, imikino y'aban
- gutembera ku mazi: ubwato
- guteganya ingendo zo mu turere twa Gisenyi
 - umuzunguruko w'u Bugoyi
 - umuzunguruko w'Ankora
- gusibura no kugaragaza amayira
- KIBUYE: ubwo Guest-House izaba yaraguwe byararangiyeye

Ni ngombwa icyo gihe:

- gutunganya ingendo mu Kivu hagati y'udusozi tukilimo: ahambukirwa, aho bicira isali, n'ibindi.
- gutunganya no gukoresha gicuruzi ingando (camping)
- gutunganya imiheturo nkerarugendo mu turere twa hafi
 - kujya i Gishyita bihindukirira mu muhanda wa kera
 - kujya ku nkambi ya Kalolo no kwicira yo isali

7.3. Umwaka wa gatatu: gutunganya biboneye Parc des Volcans. Gutunganya ubukerarugendo bw'umuhigo mu Rwanda

- kubaka lodge imwe yo gucumbikira muli Parki abantu bageze kuli makumyabili, hagati ya Bisoke na Kalisimbi.

- installations pour gardes et guides dans le voisinage du refuge
- aménagement de pistes et refuges dans le domaine de chasse
- examen des possibilités de chasse dans le sud du pays (Bugesera)
- circuit du Bugesera, des Lacs du Gisaka et de Rusumo
- circuit de l'ouest: Kibuye-Cyangugu-Gikongoro-Butare-Mayaga-Kigali.

- kubaka amacumbi y'abalinzi n'abayobozi hafi y'iruhukiro
- gutunganga amayira n'amaruhukiro mu cyanya cy'umuhigo
- gushaka uburyo amajyepfo y'igihugu (Bugesera) nayo yahigwamo
- umuzunguruko: Bugesera, ibiyaga, Gisaka, Rusumo
- umuzunguruko w'iburengerazuba: Kibuye-Cyangugu-Gikongoro-Butare-Mayaga-Kigali.

8. DES DEPENSES DE FONCTIONNEMENT ET DES FRAIS DE PREMIERE INSTALLATION

8. IMALI IKORESHWA N'IMALI Y'UMUSHINGA

8.1. Frais de première installation

8.1. Imali y'umushinga

8.1.1. Construction d'un Office à Kigali 2.200.000

8.1.1. Kubaka Offisi i Kigali 2.200.000

(remarque: où remise en état de locaux qui seraient mis à la disposition de l'Office)

(ikitonderwa: cyangwa gusana andi mazu Offisi yahabwa)

8.1.2. Equipement 350.000
 -Mobilier 350.000
 -matériel roulant
 4 bus VW
 1 land Rover 1.750.000
 soit au total: 4.300.000

8.1.2. Ibifasho
 -Ibyo mu nzu 350.000
 -Imodoka
 4 bus VW
 land Rover 1.750.000
 byose hamwe: 4.300.000

Nous devons prévoir: 4.500.000

Tugomba gutoganya: 4.500.000

8.2. Des frais de fonctionnement

8.2. Imali ikoreshwa

8.2.1. Rémunération du personnel

8.2.1. Umushahara w'abakozi

-Personnel s/statut: environ 1.750.000
 (dépenses qui pourraient être supportées par le Gouvernement)

-Abakozi sous statut: nka 1.750.000
 (yatangwa na Gouvernement)

-Personnel sous contrat environ: 350.000
 a) entretien de pistes: 150.000
 b) 5 chauffeurs: 200.000
 soit au total: 2.100.000

-Abakozi sous contrat nka: 350.000
 a) gutunganya amayira muli parc: 150.000
 b) abashoferi: 200.000
 byose hamwe: 2.100.000

8.2.2. Autres dépenses de fonctionnement: matériel de bureau, télégrammes, téléphone, etc (dépenses d'économat) voyage de service (- compris des membres du conseil d'administration)

8.2.2. Indi mali ikoreshwa:
 -ibikoreho by'ibiro, telegramu, telephone, n'ibindi (imali igenda ku bikoreshwa)
 -ingendo ziturutse ku mulimo (n'iza bagize inama itegeka Offisi)
 -carburant
 -gukoresha imodoka
 byose hamwe: 1.500.000

carburant
 entretien des véhicules globalement évalué à: 1.500.000

8.2.3. Rémunération des membres du conseil d'administration (à fixer par le Président de la République)

8.2.3. Ibihambo by'abagize inama y'Ubutegetsu (bizashyirwaho na Prezida wa Republika)

8.2.4. Frais d'entretien, d'éclairage, de surveillance des bâtiments (supportés par l'Etat).

8.3. Il faut également envisager la la dépense occasionnée au cours de la première année par la formation professionnelle des agents.

9. AUTO-FINANCEMENT DE L'OFFICE

Comment l'Office trouvera-t-elle fonds nécessaires à son bon fonctionnement et au développement du tourisme dans le pays?

Par les rentrées suivantes:

1^o subsides annuels (ou dotations) octroyés par le Gouvernement Rwandais

- payement du personnel sous statut
- subsides prévus actuellement au B.O. pour l'entretien des pistes, le domaine de chasse

2^o subsides accordés pendant une période à déterminer (3 à 5 ans) par le Gouvernement ou sur un crédit d'aide spécifique:

- pour les frais de premier établissement
- pour la formation professionnelle des agents
- pour des projets bien définis dans le plan de développement et dans le planning touristique (étude en voie d'achèvement).

3^o bénéfices réalisés en suite de la gestion du patrimoine:

- revenus des Guest-Houses et hôtels (les prix de location devant être revus)
- pour la création d'un fonds de roulement
- location des vedettes sur le lac Kivu et les autres lacs par la suite
- jeux de plage à Gisenyi: location hors-bords, etc

4^o bénéfices sur ventes d'objets à caractère touristique

- cartes postales
- timbres-poste de propagande (surcharge tourisme)
- objets artisanaux revendus pour le compte d'artistes rwandais

5^o peut-être - bien que le procédé ne soit pas populaire - une taxe de séjour

8.2.4. Imali yo gusana, kumulika no kulinda amazu (izatangwa na Leta).

8.3. Hagomba guteganywa imali izatangwa mu mwaka wa mbere kugira ngo abakozi bigishwe ibyerekeye imilimo yabo.

9. AUTO-FINANCEMENT YA OFFISI

Offisi izabona ite imali ngombwa kugirango igende neza kandi Turismi yiyongere mu gihugu?

Ku buryo bukurikira:

1^o Intwererano za Gouvernement y'u Rwanda

- guhamba abakozi sous statut
- imfashanyo ziteganijwe muli B.O. zo gutunganya amayira muli parki n'izigenewe domaine de chasse

2^o Intwererano zizatangwa mu gihe kizashyirwaho (imyaka 3 kugera kuli 5) na Gouvernement cyangwa zazaturuka ku mfashanyo ziva mu mahanga

- imali izatangwa mu mushinga
- kwigisha abakozi

-imilimo igenwe muli plan de développement no muli planning touristique (iyiga ryayo rigiye kurangira)

- gushinga imali ikorehwa

3^o inyungu zizaturuka ku mikoreshezeze y'umurage:

- inyungu ya Guest-House na hôtels (ibiguzi by'ikodesha bigomba gusubirwaho)
- Amahoro aturuka ku mwinjira wa za Parki
- ikodesha ry'amato yo ku Kivu no ku bindi biyaga nyuma

-imikino yo ku nkombe ya Gisenyi: "hors-bords", n'ibindi

4^o inyungu izaturuka m'ukugurisha imitako ikomoka mu gihugu

- cartes postales
- timbres-poste ya propagande (yanditse ho Turismi)
- imitako igurishirijwe abanyamyuga b'abanyarwanda

5^o Bishobotse - n'ubwo abantu bata-bikunda bwose - kwaka taxe de séjour

- | | |
|--|--|
| 6° les droits de chasse | 6° taxes zo guhiga |
| 7° les droits de sortie sur les produits de la chasse | 7° taxes kuby'umuhigo bijyanwa |
| 8° une participation aux bénéfices des ballets nationaux | 8° uruhare ku nyungu z'imitwe y'imikino (ballets nationaux). |

Kigali, le 5 août 1970

Le Ministre de l'Information
et du Tourisme

Fr. MINANI



Annexe 1

FORMATION PROFESSIONNELLE ACCELEREE
DES AGENTS PREPOSES A L'OFFICE
DU TOURISME (durée: trois mois)

Icyitonderwaho

KWIGISHA UMWUGA, KU BURYO BUBANGUTSE
ABAKOZI BA TURISMI
(igihe cy'amezi atatu)

Cours	Nombre total d'heures de cours	Ibyigwa	Amasaha yose hamwe y'ibyigwa
Déontologie-Technique d'accueil	6	Ikinyabupfura-Tekniki byo kwakira abashyitsi	6
Langue française	136	Igifransa	136
Langue anglaise	136	Icyongereza	136
Géographie touristique	48	Geographia y'Ubukerarugendo	48
Géographie du Rwanda: physique populations - climat		Geographia y'u Rwanda: imimerere - abaturage - ibihe	
Etude des parcs au moind de vue zoologique et botanique		Kwiga parki: inyamaswa zizituramo n'ibiti bizimeramo	
Etude d'itinéraires		Kwiga inzira z'u Rwanda	
Histoire touristique	24	Amateka y'Ubukerarugendo	24
Folklore		Ibiroli nyarwanda	
Notions d'histoire du Rwanda		Amateka y'u Rwanda	
Notions d'histoire de l'art africain		Amateka y'ibishimishamaso by'Afrika	
Législation touristique	12	Amategeko y'Ubukerarugendo	12
Immigration-Douanes-Taxes-chasse		Ubwinjiragihugu-amahoro-Taxi-imihigo	
Visites documentaires		Ingendo zigisha	-

CONSIDERATIONS SUR L'ORGANISATION ET L'EXPLOITATION D'UN OFFICE DU TOURISME EN REPUBLIQUE RWANDAISE

1. PREAMBULE

1.1. C'est en 1967 qu'il fût pour la première fois réellement question de développement du Tourisme en République Rwandaise. A cette époque, Monsieur VAN BILSEN, promet l'aide financière de la Belgique, et notre département propose la mise en valeur d'un premier circuit touristique: Kigali-Gabiro-Gisenyi-Kibuye-Kigali.

Dans la capitale, il était question à ce moment de la construction d'un grand hôtel qu'un groupe suisse promettait de financer. Gisenyi ayant déjà une infrastructure hôtelière suffisante, nous reportons nos efforts sur Gabiro et Kibuye, pour lesquels nous obtenons les premiers crédits en 1968. Nous prévoyons aussi un "stop-over" à Remera, l'étape Gabiro-Gisenyi étant particulièrement longue.

De longues et interminables tergiversations administratives font que les travaux sont seulement commencés en 1969 à Gabiro où le gros du travail ne commencera même qu'en 1970, et que à Kibuye, seules les transformations aux bâtiments existants sont achevées, les plans d'agrandissement étant toujours à l'étude!! Quelques réalisations toutefois: la transformation du gîte de Remera, l'installation d'un réseau radio, la signalisation à Kigali, l'achat d'une vedette touristique pour le lac Kivu, l'ouverture d'un bureau d'information à Gisenyi, la mise sur pied du ballet National, la création de nouvelles pistes et la remise en état des anciennes au Parc de la Kagera, permettant sa traversée du Nord au Sud.

1.2. On ne peut donc pas dire que rien n'a été fait, mais il est évident que nous aurions pu faire beaucoup plus.

1.3. Notre but est d'examiner ensemble les raisons de notre échec partiel, les moyens d'y remédier, et de réaliser un développement touristique digne de ce nom.

INGINGO ZEREKEYE GUSHINGA
NO GUKORESHA OFFISI YA TURISMI
MULI REPUBLIKA Y'U RWANDA

1. IJAMBO RY'IBANZE

1.1. Mu mwaka wa 1967 nibwo nyakuli bwabaye ubwa mbere ikibazo cyo kuzamura Turismi mu Rwanda cyitonderwa. icyo gihe nibwo Bwana VAN BILSEN yasezeranyaga u Rwanda ko u Bubiligi buzaru-bifashamo mu byerekeye amafuranga; ni nicyo gihe département yacu yashatse gutengeneza amayira ya mbere ya bamukerarugendo mu turere twa Kigali-Gabiro-Gisenyi-Kibuye-Kigali.

Muli Kapitali, icyo gihe bavugaga ko hali abasuwisi bashakaga kubaka hoteli nini. Tumaze kubona ko Gisenyi yali ifite za hoteli zihagije icyo gihe, nibwo twihatiye Gabiro na Kibuye, tuzibonera amafuranga ya mbere muri 1968. Twashakaga aliko no kubaka "icumbi" i Remera, kuko hagati ya Gabiro na Gisenyi twabonaga hali akarere karekare.

Igingimiranya rya administration ridacika niryozatweme imilimo itinda igatangira i Gabiro muri 1969, igice cyayo kinini kinatangira muri 1970, naho ku Kibuye ho, icyarangiyeye n'uguhindura utuntu n'utundi mu mazu asanzwe; kuyongera byo biracyadindijwe n'uko za plans zikigwa!! Cyakora hali icyashoboye kugerwaho: nko guhindura gîte y'i Remera, gushyiraho amaradio yo kuvugiramo, gushinga ibyapa i Kigali byerekana amayira, kugura ubwato bugenewe ikiyaga cya Kivu, gushinga ibiro bya Turismi ku Gisenyi, gushinga "Ballet National", guharura za pistes nshya no gukora mu zali zisanzwe muri Parc ya Kagera ku buryo zihitanyaga Parc kuva ruguru kugera epfo.

1.2. Ntitwavugaga rero ko ntacyakozwe n'ubwo twali gushobora gukora ibirenze ho.

1.3. Ubu ngubu icyo dushakaga n'ugusuzumira hamwe impamvu twatsinzwe n'igice kimwe cy'imilimo, hamwe n'umuti wabyo kugirango tugere ku majyambere ya Turismi nyakuli.

2. INTERET DU TOURISME

2.1. Une première remarque, que nous croyons devoir faire, est que nombreux sont encore ceux qui ne sont pas convaincus de la nécessité de mettre tout en oeuvre dans notre pays pour y favoriser le développement d'une industrie touristique.

2.2. En fait, ce Tourisme, est-il une industrie intéressante? et, cette industrie est-elle adaptée au Rwanda?

2.2.1. Au point de vue intérêt, il n'y a pas de doute, l'exemple de tant et de tant de pays est là pour nous éclairer. L'Espagne par exemple remplit tout son déficit budgétaire grâce au Tourisme, la Grèce également. Même la fière Angleterre s'y est mise et maintenant le tourisme est devenu le numéro Un dans ses exportations.

La notion de bénéfice en Tourisme n'est pas difficile à comprendre. Pour les autres objets d'exportation: minerais, café, thé, etc..., il est nécessaire d'importer beaucoup: machines, engrais, emballages..., le bénéfice pour le pays est alors la différence entre importations et exportations. De plus les mines s'épuisent, la terre aussi.

Pour le tourisme comment cela se passe-t-il? Et bien, les habitants du pays qui veut attirer des touristes restent bien tranquillement assis chez eux. Le Touriste arrive et veut manger et dormir, il sort ses devises et paye le dîner et la chambre. Mais il ne les emporte pas le lendemain ni le surlendemain; des années durant chaque chambre d'hôtel est payée en devises que les étrangers apportent. Mais l'étranger veut voir les volcans, admirer les lacs. Il paye l'essence, l'huile, les pneus en devises. Il veut voir les danses et paie en devises, il veut acheter des souvenirs et paie en devises. Il est donc la seule source de devises qui ne sort rien du pays, car ses yeux ne peuvent ni user les volcans, ni vider les lacs et cependant il les paie. D'autre part l'argent que les touristes versent, circule trois ou quatre fois dans différentes mains donc rapporte à beaucoup de personnes,

2. AGACIRO KA TURISMI

2.1. icyo twabanza kukavugaho ni uko hakiliho abantu benshi batariyemeza neza ko twese hamwe tugomba gukoresha ingufu zose ku-girango tuzamure mu Rwanda ubucuruzi bwa Turismi.

2.2. Bakibaza ngo, ese Turismi ifite akamaro? ese ikwiriye kubaho mu Rwanda?

2.2.1. Akamaro ka Turismi ntawagashidikanya na gato. Hali ingero nyinshi z'aho yagize akamaro hirya no hino zagombye kubitwemeza. Igihugu cya Espagne gikizwa déficit yose muli budget na Turismi; n'u Bugereki ni uko. N'u Bwongereza bwali bwarayisuzuguye, ubu bwarayihagurukiye, Turismi isigaye ali iya mbere mu bigurwa n'amahanga (exportations).

Rwose akamaro ka Turismi ntikagoye kumvikana.

Ibindi bigurwa n'amahanga (ubutaro, kawa, cyayi, n'ibindi), bigomba kare kose gutegurwa n'ibintu byinshi biguzwe mu mahanga: Za mashini, amafumbire, ibyo babihambiramo, n'ibindi, inyungu icyo gihe ni icyo ubona ukuye amafranga watanze mu mahanga (importations) mu yo amahanga yakuzaniye (exportations). Hali ni ikindi, za mines zirashira, ubutaka bugasaza.

Naho muli Turismi, uko bigenda ni ukundi. Ni uku: abaturagihugu gishaka gukurura abashyitsi-mukerarugendo, bigumira iwabo. Mukerarugendo akaza, ashaka kurya, kunywa no gusinzira: agakoresha amadevises yishyura ibiryo n'icyumba, akabona kurya no kuryama. Bwacya na bukeye bwaho, ya madevises ntayasubirana, ahubwo buli cyumba muli hoteli irakomeza, mu myaka n'iyindi, ikishyurwa amadevises ba mukerarugendo bazana. Umunyamahanga azaza yifuza kureba ibirunga n'ibiyaga, azagura essence, amavuta, imipira y'imodoka, n'ibindi, atange amadevises. Azaza ashaka kureba imbyino n'imihamilizo, atange devises. Azashaka kugura udukorikori tumwibutsa aho yageze, atange devises. Uwo mushyitsi-mukerarugendo niwe lero wenyine soko ya devises idatamba ngo ive mu gihugu, kuko amaso ye adashajisha ibirunga, ngo akonoze ibiyaga, ibyo byose bikaba bityo kandi akomeza akagura aliko yishyura. Ikindi kandi, amafranga yishyuwe nawa mushyitsi-mukerarugendo, anyura mu ntoki nyinshi z'abenegihugu akaba yunguye benshi,

- ainsi: un groupe de touristes passe quelques jours dans un hôtel. Ils payent l'hôtel. Mais l'hôtelier paie son personnel, qui va acheter des vivres, des vêtements, du pétrole. Les cultivateurs qui ont vendu leurs vivres vont acheter des houes et des vêtements. Conséquence: l'hôtelier gagne, le personnel gagne, les cultivateurs gagnent, les commerçants gagnent, les tailleurs gagnent. Cela fait un cercle sans fin. Car il faut aussi dire que l'hôtelier achète des oeufs, des poules, du lait, des légumes, qu'il paie du bois, etc... un hôtel bien achalandé devient une mine d'or pour la région.

La même chose peut se dire d'un centre artisanal, ils vendent, ils achètent, ils payent... où d'une station service florissante qui doublera son personnel. Et l'Etat Rwandais? eh bien il profitera partout de la prospérité. Taxes sur les revenus hôteliers, sur ceux des commerçants. Taxes sur les importations des commerçants, sur l'essence, les pneus, les licences d'alcool, la chasse, etc... Sans compter que le niveau de vie montant, toutes les ressources du pays augmentent. La circulation des devises dans un pays peut se comparer à la circulation du sang dans le corps humain. Elle irrigue tout, fait tout prospérer et fait tout vivre.

2.2.2. Et maintenant tâchons de voir si le tourisme est une industrie adaptée au Rwanda, et pour ce faire, faisons l'inventaire de ce que nous avons à vendre aux touristes. Tout d'abord, notre merveilleux climat. Pour un européen ou un américain, respirer l'air pur de nos montagnes sans jamais avoir trop chaud ou trop froid, vaut déjà le voyage et le déplacement. Ensuite nos paysages splendides, nos montagnes, nos lacs, nos volcans. Ces vues, cette végétation spéciale, sont une nouveauté pour lui. Enfin l'attrait de nos parcs. Le Rwanda a deux des plus beaux parcs de l'Afrique; celui des volcans pourrait attirer des centaines de touristes à cause des gorilles qui l'habitent.

Climat, paysages et parcs nous seront achetés très cher par les touristes et cependant ils ne pourront ni les emporter, ni nous en priver.

urugero: tuvuge ko hali igisagara cya ba Mukerarugendo kimaze iminsi muli hoteli, bishyuye nyili iyo hoteli, nawe azahindukira ahembe abakozi be, nabo bajye kugura ibibatunga, imyambaro n'ibindi. Iki-vuyemo niki? Ni uko ali umunyahoteli, ali abakozi be, ali abahinzi, ali abacuruzi, ali abadozi, bese bahabonye inyungu, bikaba urudaca, kuko tugomba kwibuka ko nyili hoteli agura amagi, inkoko, amata, imboga, inkwi, n'ibindi, ugasanga lero hoteli ikora koko, ibera akarere ilimo isoko y'amafranga menshi. Ibyo twabivuga no kuli za centres z'imyuga.

Muli ibyo byose Leta nya Rwanda izavaha mw'iki? Izavanamo umudendozi za taxes zitangwa n'abanyahoteli, za taxes ku mutongo w'abacuruzi, za taxes batanga iyo baguze ibintu mu mahanga, za taxes kuli essence, ku mipira y'imodoka, ku mayoga, ku muhigo n'ibindi n'ibindi. Ibyo kandi bikaba ali umutungo w'igihugu wiyongera kuko imibereho myiza iba yiyongereye.

Nkuko amaraso atembera bikagilira umubili w'umuntu akamaro, ni nako amadevises atembera mu gihugu akakizamura.

2.2.2. Babandi bakongera bakibaza niba Turismi yagombye kuba ho mu Rwanda. Tubanze turabe icyo ba mukerarugendo bazaza kudu-sangana. Mbere na mbere badusangana imicyo myinshi. Kugirango umunyaburayi cyangwa umunyamerika ashobora guhumeka umwuka mwiza wo mu mizozo y'ino atavuga ngo harakonje cyangwa ngo harashyushye bikabije, ibyo byonyine byamuzana ntiyicuze kuba yaje. Ikindi kandi, imisozi y'ino ibisiza n'ibigarama, ibiyaga n'ibirunga, amashyamba, ibihingwa n'ibindi bimera, ibyo byose yasanga ino, bizamubera amatsiko kuko ali ubwa mbere abibona. Za parki u Rwanda rufite nazo zakurura abagenzi benshi: zili mu nziza zihebuje muli Afrika. Nka parki yitwa "Parc y'ibirunga" ishobora gukurura amagana n'amagana kubera za mpundu ziyibamo. Ibyo byose ba mukerarugendo bazabigura babitangeho byinshi, badasubirana.

Ajoutons à cela que d'ici la fin de l'année nos Guest-Houses seront en état de recevoir déjà des groupes d'une trentaine de touristes et qu'à Kigali l'infrastructure hôtelière actuelle leur permet de transiter d'excellentes conditions de logement.

Le Rwanda est donc fait pour le Tourisme et il possède à cet effet une vocation naturelle. Reste encore un point à souligner: la main d'oeuvre dont l'industrie touristique a grand besoin y est abondante.

2.2.3. Toutefois, la vocation touristique existant dans notre pays, la mise en valeur de ce capital, la création et l'exploitation rationnelle de l'hébergement, l'équipement touristique en général, tout cela ne peut se faire qu'à partir d'une politique consciente et coordonnée.

3. DE LA NECESSITE D'UNE ORGANISATION STABLE A BASE LEGALE AFIN D'EXPLOITER RATIONNELLEMENT NOTRE CAPITAL TOURISTIQUE.

3.1. La politique touristique établie par notre Ministère doit être solidement appuyée par les divers pouvoirs publics. Pour ce faire il est absolument indispensable d'avoir un organisme touristique stable, ayant un statut légal bien défini, disposant d'une certaine autonomie d'administration et de gestion reconnue par la loi et soutenue par l'Assemblée et le Gouvernement.

3.2. Il est impossible de mener une politique touristique cohérente s'il n'y a pas un organisme spécialisé pour s'occuper de cette activité.

On ne pourrait mettre en oeuvre une industrie touristique tant qu'il n'y a pas dans les cercles de direction de l'administration centrale un organisme dont c'est la tâche exclusive. Bref, tant qu'un Office du Tourisme n'est pas reconnu au même titre que le serait un de nos ministères on ne peut espérer faire valablement du Tourisme au Rwanda.

Cet Office établi, il devra prendre en charge tout ce qui a rapport avec l'équipement touristique du pays: hôtels, parcs, vedettes, vente d'articles artisanaux, ballets nationaux, domaine de chasse, etc...

Twakongeraho ko mu mpera y'umwaka za Guest-Houses zacu zizashobora kwakira ibisagara by'abantu mirongo itatu imwe imwe, ikindi kandi ni uko i Kigali ubungubu, ba mukerarugendo bashobora kuhanyura bakahatinda bukeya mu mazu meza.

Ubundi kandi abakozi Turismi yakenye, n'ubwo ari benshi, u Rwanda rurabafite. Ibyo byose birerekana ko Turismi ibereye u Rwanda, u Rwanda ruberanye na Turismi

2.2.3. Gusa lero, uko kubera na k'u Rwanda na Turismi, ugukoresha ubwo buranga, ugushinga no gukoresha amacumbi mu bwungutsi, ibyo byose bigomba politiki iziriyakanye kandi yitaweho mu bufatanye buhageze.

3. DUKENEYE UMULYANGO UHAMIJWE N'AMATEGEKO ABEREYE IMIKORESHEREZWE Y'UMUTUNGO DUKESHA TURISMI.

3.1. Politiki ya Turismi yashinzwe na Ministeri yacu igomba gushyigikirwa n'izindi nzego z'ubutegetsi. Kugirango ibyo bibeho, ni ngombwa rwose gushinga Umulyango Turismi yihariye, ufite amategeko yawo asobanutse, n'ubwigenge bwemewe n'itegeko kandi bushyigikiwe na Gouvernement hamwe n'Inteko ishingira amategeko.

3.2. Ntibyashoboka kugira politiki ireba Turismi iboneye idasimbagurika, tudafite uwo muryango ubigenewe ngo uyitaho.

Industrie ya Turismi ntizabaho, tutagize mu butegetsi bwa administration, umuryango nkuwo ngo ari aho cyo ikora gusa. Ni ukuvugako igihe tuzaba tudafite Offisi ya Turismi imeze kandi irebwa kimwe na Ministeri ziri imbere, ntidufite kwizera amajyambere na make muri Turismi mu Rwanda.

Iyo Offisi imaze gushingwa, yagomba kwita ku bireba Turismi byose: za hoteli, parki, amato, imyuga, imikino, imihigo, n'ibindi.

les projets dans ce domaine

les projets dans ce domaine sont, semblent-ils, du ressort de tout un chacun, certes les idées ne manquent pas... mais... comme le dit un proverbe africain "Dire n'est pas encore faire". Nous n'avons jamais réussi malgré nos efforts à provoquer entre les ministères intéressés une réunion mettant au point le développement touristique du Parc de la Kagera!!

Le tourisme cinématographique n'est pas dans nos attributions. Sur quatre hôtels gouvernementaux, les problèmes de gestion dépendent d'au moins trois ministères.

Nous ne disposons d'aucun crédits pour éditer des cartes postales (d'autres ministères considèrent d'ailleurs que c'est leur problème) ni pour éditer des cartes routières. Avec quel argent ferions nous de la propagande et de la publicité??

3.4. Nous voudrions à nouveau insister sur la nécessité absolue de ramener TOUT ce qui a trait au tourisme:

- les hôtels: location, surveillance, pourparlers avec les investisseurs éventuels, etc.
- les parcs: exploitation touristique
- la chasse: surveillance, émission des permis, etc..
- les lacs: bateaux, établissement de parcs de camping
- l'artisanat: prix, vente, etc...

sous la direction d'UN SEUL ET MEME ORGANISME, SEUL RESPONSABLE.

4. PRINCIPES DE BASE DE LA NOUVELLE ORGANISATION

4.1. Aspect juridique

L'Office du Tourisme est un établissement public doté de la personnalité civile et placé sous la tutelle directe du Ministre de l'Information et du Tourisme.

Il s'agit donc d'un organisme décentralisé sur lequel le Ministre conserve néanmoins un pouvoir de tutelle. L'autonomie dont jouit l'Office lui permet d'assurer sa mission avec un maximum d'efficacité et de rapidité, sans être soumis aux lenteurs et à la rigidité propres à l'administration centrale

Kugeza ubu ntabwo za Ministeri zingenga Parki ya Kagera zashoboye guhura ngo zigire hamwe icyayizamura kandi duhora tuzibibasaba!!

Turismi y'umuhigo ntiri mu bigengwa na Ministeri igenga Turismi.

Nta mafranga dufite yo gukoresha amakarta postales, cyangwa gukoresha amakarta y'imihanda. Amakarta postales kandi hali izindi ministéri zibwira ko nazo zibishinzwe. Nta mafranga dufite yo gukora propagande ya Turismi.

3.4. Twongeye kwibutsa akamaro ko gushyira ibireba Turismi byose mu maboko y'umulyango umwe, ukaba ali wo ubigenga ali nawo ubibazwa

- hoteli: kuzicunga, kwakira amafanga azivuyemo, kuvugana n'abashaka kugira izo bubaka, n'ibindi
- parki: kuzikoresha muli Turismi
- guhiga: gutanga imhushya, kuzicunga
- ibiyaga: amato, camping
- imyuga: ibiciro, kugurisha, n'ibindi.

4. INTEGO NYAKULI UBWO BUTEGETSI BUGAMIJE

4.1. Ubuzima gatozi

Offisi ya Turismi yemewe mu butegegetsi ikagira ubuzima gatozi mu buryo Ministeri y'Amatangazo ya Leta na Turismi aliyo izajya iyibonera.

Ni ukuvuga ko ali umulyango utagegwa n'amategeko asanzwe, Ministri ntayitegeka mu milimo yayo aliko akayirebera mu buryo ashobora kuteamera ibikorwa bya Offisi cyangwa kubyangwa rwose igihe bidahuje n'intego yagenewe kugeraho. Mu by'ukuli Offisi ifite ubwigenge nyabwo butuma ikora imilimo yayo mu buryo bwuzuye kandi bubangutse, itagombye gukurikiza inzira ndende kandi zitorosheye ubutegegetsi bw'Igihugu busanganywe.

4.2. Objet de l'Office

Il est exposé de manière exemplative dans le Projet de Loi. Il a pour objet de promouvoir et d'orienter par tous les moyens adéquats, le développement des activités touristiques du Rwanda. Ses attributions sont reprises dans l'article 2 du projet.


4.2. Intego ya Offisi yerokanywe mu magambo avunaguye mu mu-shinga w'Itegeko, bikumvikana ko ali ugutsura amajyambere y'ibyateza Turismi imbere byose mu Rwanda.

Ibyo ishinzwe bili mu ngingo ya 2 y'itegeko.

5. FONCTIONNEMENT DE L'OFFICE

5. UBUTEGETSI BWA OFFISI

5.1. Organisation interne: ORGANIGRAMME



5.2. Attributions de personnel. Ces attributions ne sont pas limitatives et peuvent être sujettes à modification.

5.2.1. Directeur Général

- coordonne et surveille tous les services
- répartit les affaires à traiter entre les différents services
- donne les instructions pour la gestion des crédits
- reçoit et ouvre toute la correspondance
- traite personnellement les affaires qu'il estime devoir se réserver à lui-même

5.2. Imilimo y'abakozi.

5.2.1. Directeri jenerali

- ayobora akazi kose
- agena ibizakorwa muli buli biro
- atanga amategeko kubyerekeye ikorehwa ry'imali ya Offisi
- yakira kandi agasubiza amabarwa
- niwe ukiranura ibyananiranye

- organise la formation professionnelle de ses agents (écoles d'hôtellerie et de tourisme)
- assure les contacts voulus avec l'Administration.

5.2.2. Directeur-Adjoint

- assiste le Directeur général et le remplace en cas d'absence
- s'occupe plus spécialement des relations avec les organismes étrangers et internationaux
- s'occupe de l'administration du personnel
- inspecte régulièrement l'équipement touristique du pays: contrôle des sites, des bureaux régionaux, de l'application du statut des agences de voyage, etc...

5.2.3. Secrétaire de Direction

- tenue de l'indicateur général
- classement
- expédition
- économat (matériel de bureau, papeterie, ...)
- réception des visiteurs et organisation des audiences éventuelles

5.2.4. Service de l'Équipement Touristique

Attributions à répartir entre le chef de service et son adjoint

- contrôle des hôtels gouvernementaux
- contrôle de l'application du statut de l'hôtellerie dans le pays
- surveillance et aménagement des sites touristiques
- organisation du tourisme cynégétique
- organisation des spectacles folkloriques (ballets rwandais)

5.2.5. Service de propagande - Presse - Accueil

Attributions à répartir entre le chef de service et son adjoint

- constitution d'une documentation touristique
- relations avec les agences de presse
- relations avec les organismes culturels
- propagande au Rwanda et à l'étranger (articles de presse - brochures touristiques)
- émissions radio
- organisation des expositions
- contrôle des bureaux régionaux du tourisme (information et accueil)

- ategura inyigisho ziteza abakozi be imbere (nk'ishuli ryerekeye iby'amacumbi n'irya Turismi)
- niwe ufite uburenganzira bwo kugira icyo avugana n'inzege za Leta.

5.2.2. Directeri

- akorana na Directeri jenerali akanamusimbura igihe adahali
- akamenya cyane cyane umubano w'indi milyango ya Turismi mu mahanga n'iy'isi yose
- niwe utegeka abakozi bose

- agenzura adahwema ibyo Turismi itunze: ibya kwamamaza Turismi byose, ibiro by'Uturere, akita ku ikulikizwa ry'amategeko agenga ibiro by'abagenzi, n'ibindi.

5.2.3. Umukarani w'ibiro

- ashinzwe igitabo cy'amabarwa yinjira n'asohoka
- agutunganya ibyerekeye impapuro zose no kuzohereza
- yita ku bikoresho byo mu biro
- akaba ali we ubonera abashyitsi n'iby'imibonano

5.2.4. Ibiro bireba ibyo Turismi itunze

Ako kazi kareba Umukarani mukuru w'ibiro n'Umusimbura we

- kugenzura amacumbi agengwa na Leta
- kwita ku mategeko agenga za hoteli mu gihugu
- gutunganya no kurondera uturere bakamukerurugendo bakunda kwidagaduramo.
- kwamamaza no guteza imbere Turismi ku bakunda guhiga
- gutunganya no kurarura amashyamba yitangiye imikino ya kamere mu gihugu.

5.2.5. Ibiro byamamaza Turismi

Na none ako kazi gashinzwe Umukarani mukuru mu biro n'umusimbura bakita cyane cyane kuli izi ngingo:

- gukora amatangazo y'ibyiza bitatse igihugu
- gukomeza umubano n'ibiro by'Amakuru
- gukomeza umubano n'ibiro by'Ubuhanga
- kwiyamamaza mu gihugu no mu mahanga bishingiye kuli ya matangazo y'ibyiza bitatse igihugu
- ikiganiro cya Turismi muli Radio
- gutunganya za expositions
- kugengagenga ibiro by'uturere cyane cyane ibyerekeye kwakira no kwamamaza Turismi

- organisation et contrôle du service d'accueil
- tenue des registres de statistiques touristiques, hôtelières et autres

5.2.6. Services des Affaires Générales

5.2.6.1. Bureau de comptabilité

- gestion de l'office
- tenue de toutes les pièces comptables
- prévisions budgétaires
- rapports annuels

5.2.6.2. Secrétariat

- traite les affaires ne rentrant dans les attributions d'aucun service
- organise les transports
- contrôle l'entretien du matériel de transport
- rapports avec les bureaux installés à l'étranger et avec les ambassades rwandaises

5.3. Les qualifications requises pour le personnel sont les suivantes:

- directeur général et directeur-adjoint: niveau universitaire et connaissance parfaite du français. Connaissance de l'anglais et si possible de l'allemand.
- chef de service: fonctionnaire principal
- adjoint au chef de service: fonctionnaire principal ou à défaut fonctionnaire de 3ème classe

6. L'ACTIF DE L'OFFICE DU TOURISME

Le capital de l'Office se présente comme suit au départ:

Immeubles a) Hôtels

-Guest-House Gabiro	15.000.000
-Guest -House Kibuye	8.000.000
-Hôtel des Diplomates	37.000.000
-Hôtel des Députés	27.000.000
-Relais Remera	300.000

b) Bureau Régional de Gisenyi

-Mobilier et matériel de bureau Kigali-Gisenyi-Kanombe	200.000
--	---------

- kwita no gutunganya ibiro bigenewe kwakira abashyitsi
- kwita ni kubika ibitabo bilimo imibereho ya Turismi yose

5.2.6. Ibiro by'imilimo rusange

5.2.6.1. Ibiro bya Comptabilité

- uko imali ikoreshewa
- impapuro zibyerekeyeho
- gutegura imali izakoreshewa
- raporo za buli mwaka

6.2.6.2. Sekretaria

- akazi kandi k'ingereka
- gutunganya ibyerekeye amamodoka
- kwita ku bikoresho byazo
- umubano udahwema n'ibiro bya Turismi y'u Rwanda bili mu mahanga na za ambassade.

5.3. icyitonderwa ku bakozi ba Offisi ya Turismi:

- directeri jenerali n'umusimbura we: kuba balize université, bazi urulimi rw'igifransa mu buryo bunonosoye. Kumenya icyongereza byibuze se n'ikidage.
- Umukarani mukuru mu biro: Fonctionnaire Principal
- Umusimbura: Fonctionnaire Principal cyangwa se Fonctionnaire de 3ème classe

6. IMALI YA OFFISI YA TURISMI

Iyo mali iteye kandi iteguye itya:

Amazu a) Hoteli

-Guest-House Gabiro	15.000.000
-Guest-House Kibuye	8.000.000
-Hôtel des Diplomates	37.000.000
-Hôtel des Députés	27.000.000
-Relais Remera	300.000

b) Ibiro byo ku Gisenyi

-Ibikoresho byo mu biro Kigali-Gisenyi-Kanombe	200.000
--	---------

Mobilier des hôtels

-Gabiro	1.000.000	
-Kibuye	500.000	
-Diplomates	3.500.000	
-Députés	2.500.000	
-Remera	<u>120.436</u>	6.620.436

Vedette du Lac Kivu	1.451.203	
Equipement Radio	403.150	
Refuges Sabyinyo et Bisoke	224.537	
Equipement ballet national: costumes...	10.000	
Disponible (aide spécifique belge)	<u>10.000.000</u>	

total: 106.441.326

Ibikoresho bya za Hoteli

-Gabiro	1.000.000	
-Kibuye	500.000	
-Diplomates	3.500.000	
-Députés	2.500.000	
-Remera	<u>120.436</u>	6.620.436

Ubwato ku Kivu	1.451.203	
Radio	403.150	
Icumbi kuli Sabyinyo na Bisoke	224.537	
Ballet National	10.000	
Imfashanyo y'u Bubiligi (ikiriho ubu)	<u>10.000.000</u>	

106.441.326

7. EBAUCHE D'UN PROGRAMME D'ACTION A COURT TERME

Nous envisageons un premier programme d'action sur une période de trois ans.

7.1. Première Année: Mise à exécution de la loi créant l'Office

1. Désignation par le Président de la République d'un conseil d'administration composé de cinq membres
2. Elaboration du règlement organique de l'Office (Arrêté du Président de la République)
3. Désignation par le Ministre de l'Information et du Tourisme d'un Commissaire du Gouvernement
4. Elaboration d'un règlement d'ordre intérieur contenant notamment le statut du personnel
5. Construction et installation des locaux
6. Inventaire complet et détaillé du patrimoine touristique dépendant de l'Office
7. Mise en place de différents services
8. Etablissement d'un plan comptable et installation de la comptabilité
9. Formation professionnelle du personnel: pourrait se faire à l'Ecole des Cadres Murambi (durée 3 à 6 mois): voir en annexe un plan pour la formation accélérée des agents préposés à l'Office du Tourisme
10. Etablissement d'une planning avec l'aide du conseil d'administration: politique touristique à suivre et emploi des moyens
11. Etdue approfondie et détaillée de la mise en valeur du Parc de la Kagera

7. PROGRAMME Y'IMYAKA MIKE YA VUBA

Iyo programme yaba iy'imyaka itatu

7.1. Umwaka wa mbera

1. Prezida wa Republika yashyiraho Inama y'Ubutegetsi uko igizwe n'abantu batanu
2. Gukora amategeko agenga iyo Offisi (Arrêté ya Prezida wa Republika)
3. Ministri w'Amatangazo ya Leta na Turismi yashyiraho Comisseri wa Gouvernement
4. Gushyiraho amategeko yo mu biro, nka Stati igenga abakozi
5. Kwubaka ibiro by'iyo Offisi
6. Ibarura rinonosoye ry'ibyerckeye Turismi, bili mu maboko ya Offisi
7. Gushyiraho services ngombwa zose
8. Gushyiraho "plan comptable" no gutangira Comptabilité
9. Kwigisha no kurera abakozi: bi-shobora kubera mw'ishuli rya Cadres i Murambi (amezi 3 kugera kuli 6): Reba annexe, urabonamo plan yo kwigisha abakozi mu g'gato
10. Gukora planning, Offisi ibifashijwemo n'Inama y'Ubutegetsi: politiki rusange ya Turismi no gukoresha uduke dufite
11. Kwiga binonosoye uburyo bwo kuzamura Parki ya Kagera

7.2. Deuxième année: Exploitation rationnelle des deux principaux pôles d'attraction touristique: la Kagera et le Lac Kivu.

7.2.1. Objectif principal: le Parc National de la Kagera: les problèmes à résoudre:

- augmentation de la capacité d'hébergement
- organisation rationnelle de la visite du parc: pistes, entrées, surveillance
- aménagement complémentaires dans le parc pour permettre aux touristes d'y passer une journée complète
- début de réalisation du projet étudié au cours de la première année: construction d'un nouvel hôtel dans le parc, vedettes sur les lacs Mihindi et Ihema

7.2.2. Objectif Lac Kivu

- organisation de l'exploitation commerciale de la plage de Gisenyi:
 - jeux de plage: ski, canotage, tennis, golf, jeux d'enfants
 - excursions sur le lac: vedette
- organisation d'excursions dans les environs de Gisenyi
 - circuit du Bugoyi
 - circuit de l'Ankoraremise en état et signalisation
- KIBUYE: à cette époque les agrandissements en cours à notre Guest-House sont supposés être achevés.

Il faudra:

- organiser les excursions sur le lac à travers les îles: débarcadères, emplacement de pique-nique, etc..
- organiser et exploiter commercialement des terrains de camping
- organiser des circuits touristiques dans les environs:
 - promenade circulaire vers Gishyita avec retour par l'ancienne route
 - promenade avec pique-nique au gîte de Kalolo

7.3. Troisième année: Exploitation rationnelle du Parc des Volcans. Organisation du tourisme cinématographique au Rwanda

- installation d'un lodge permettant l'hébergement d'une vingtaine de personnes dans le parc, entre le Bisoke et le Kalisimbi.

7.2. Umwaka wa kabili: Gutunganya uteza imbere hahandi hakunda kureshya ba mukerarugendo cyane cyane muli Kagera no ku Kivu.

7.2.1. Ku byerekeye Parki Nationali ya Kagera: ibigomba kugerwaho n'ibi:

- kongera amacumbi
- gutunganya mu buryo bufitiye akamaro ibyo gusura inyamaswa: amayira yaho n'ibya ngombwa byose bireba ba mukerarugendo
- guteganya aho abashyitsi baruhukira mu gihe baba bashatse kwilirwa mu ishyamba
- gushaka uburyo bwo kubaka indi hoteli hagati muli Parki hafi y'ikiyaga cya Mihindi n'Ihema no guteganya ubwato bwo gutembera kuli ibyo biyaga

7.2.2. Ibiza arwa ku Kivu

- gutunganya gicuruzi inkombe (plage) ya Gisenyi:
 - imikino yo ku nkombe: ski, golf, imikino y'aban
 - gutembera ku mazi: ubwato
- guteganya ingendo zo mu turere twa Gisenyi
 - umuzunguruko w'u Bugoyi
 - umuzunguruko w'Ankoragusibura no kugaragaza amayira
- KIBUYE: ubwo Guest-House izaba yaraguwe byararangiyeye

Ni ngombwa icyo gihe:

- gutunganya ingendo mu Kivu hagati y'udusozi tukilimo: ahambukirwa, aho bicira isali, n'ibindi.
- gutunganya no gukoresha gicuruzi ingando (camping)
- gutunganya imihoturo nkerarugendo mu turere twa hafi
 - kujya i Gishyita bihindukirira mu muhanda wa kera
 - kujya ku nkambi ya Kalolo no kwicira yo isali

7.3. Umwaka wa gatatu: gutunganya biboneye Parc des Volcans. Gutunganya ubukerarugendo bw'umuhigo mu Rwanda

- kubaka lodge imwe yo gucumbikira muli Parki abantu bageze kuli makumyabili, hagati ya Bisoke na Kalisimbi.

- installations pour gardes et guides dans le voisinage du refuge
- aménagement de pistes et refuges dans le domaine de chasse
- examen des possibilités de chasse dans le sud du pays (Bugesera)
- circuit du Bugesera, des Lacs du Gisaka et de Rusumo
- circuit de l'ouest: Kibuye-Cyangugu-Gikongoro-Butare-Mayaga-Kigali.

- kubaka amacumbi y'abalinzi n'abayobozi hafi y'iruhukiro
- gutunganga amayira n'amaruhukiro mu cyanya cy'umuhigo
- gushaka uburyo amajyepfo y'igihugu (Bugesera) nayo yahigwamo
- umuzunguruko: Bugesera, ibiyaga, Gisaka, Rusumo
- umuzunguruko w'iburengerazuba: Kibuye-Cyangugu-Gikongoro-Butare-Mayaga-Kigali.

8. DES DEPENSES DE FONCTIONNEMENT ET DES FRAIS DE PREMIERE INSTALLATION

8.1. Frais de première installation

8.1.1. Construction d'un Office à Kigali 2.200.000

(remarque: où remise en état de locaux qui seraient mis à la disposition de l'Office)

8.1.2. Equipement 350.000
 -Mobilier 350.000
 -matériel roulant
 4 bus VW
 1 land Rover 1.750.000
 soit au total: 4.300.000

Nous devons prévoir: 4.500.000

8.2. Des frais de fonctionnement

8.2.1. Rémunération du personnel

-Personnel s/statut: environ 1.750.000

(dépenses qui pourraient être supportées par le Gouvernement)

-Personnel sous contrat environ: 350.000

a) entretien de pistes: 150.000
 b) 5 chauffeurs: 200.000

soit au total: 2.100.000

8.2.2. Autres dépenses de fonctionnement: matériel de bureau, télégrammes, téléphone, etc (dépenses d'économat)
 voyage de service (- compris des membres du conseil d'administration)

carburant
 entretien des véhicules globalement évalué à: 1.500.000

8.2.3. Rémunération des membres du conseil d'administration (à fixer par le Président de la République)

8. IMALI IKORESHA N'IMALI Y'UMUSHINGA

8.1. Imali y'umushinga

8.1.1. Kubaka Offisi i Kigali 2.200.000

(ikitonderwa: cyangwa gusana andi mazu Offisi yahabwa)

8.1.2. Ibifasho
 -Ibyo mu nzu 350.000
 -Imodoka
 4 bus VW
 land Rover 1.750.000
 byose hamwe: 4.300.000

Tugomba guteganya: 4.500.000

8.2. Imali ikoresha

8.2.1. Umushahara w'abakozi

-Abakozi sous statut: nka 1.750.000

(yatangwa na Gouvernement)

-Abakozi sous contrat nka: 350.000

a) gutunganya amayira muli parc: 150.000
 b) abashoferi: 200.000

byose hamwe: 2.100.000

8.2.2. Indi mali ikoresha:

-ibikoresho by'ibiro, telegramu, telephone, n'ibindi (imali igenda ku bikoresha)
 -ingendo ziturutse ku mulimo (n'iza bagize inama itegeka Offisi)

-carburant
 -gukoresha imodoka
 byose hamwe:

1.500.000

8.2.3. Ibihambo by'abagize inama y'Ubutegetsi (bizashyirwaho na Prezida wa Republika)

8.2.4. Frais d'entretien, d'éclairage, de surveillance des bâtiments (supportés par l'Etat).

8.3. Il faut également envisager la la dépense occasionnée au cours de la première année par la formation professionnelle des agents.

9. AUTO-FINANCEMENT DE L'OFFICE

Comment l'Office trouvera-t-elle fonds nécessaires à son bon fonctionnement et au développement du tourisme dans le pays?

Par les rentrées suivantes:

1^o subsides annuels (ou dotations) octroyés par le Gouvernement Rwandais

- payement du personnel sous statut
- subsides prévus actuellement au B.O. pour l'entretien des pistes, le domaine de chasse

2^o subsides accordés pendant une période à déterminer (3 à 5 ans) par le Gouvernement ou sur un crédit d'aide spécifique:

- pour les frais de premier établissement
- pour la formation professionnelle des agents
- pour des projets bien définis dans le plan de développement et dans le planning touristique (étude en voie d'achèvement).

3^o bénéfices réalisés en suite de la gestion du patrimoine:

- revenus des Guest-Houses et hôtels (les prix de location devant être revus)
- pour la création d'un fonds de roulement
- location des vedettes sur le lac Kivu et les autres lacs par la suite
- jeux de plage à Gisenyi: location hors-bords, etc

4^o bénéfices sur ventes d'objets à caractère touristique

- cartes postales
- timbres-poste de propagande (surcharge tourisme)
- objets artisanaux revendus pour le compte d'artistes rwandais

5^o peut-être - bien que le procédé ne soit pas populaire - une taxe de séjour

8.2.4. Imali yo gusana, kumulika no kulinda amazu (izatangwa na Leta).

8.3. Hagomba guteganywa imali izatangwa mu mwaka wa mbere kugira ngo abakozi bigishwe ibyerekeye imilimo yabo.

9. AUTO-FINANCEMENT YA OFFISI

Offisi izabona ite imali ngombwa kugirango igende neza kandi Turismi yiyongere mu gihugu?

Ku buryo bukurikira:

1^o Intwererano za Gouvernement y'u Rwanda

- guhamba abakozi sous statut
- imfashanyo ziteganijwe muli B.O. zo gutunganya amayira muli perki n'izigenewe domaine de chasse

2^o Intwererano zizatangwa mu gihe kizashyirwaho (imyaka 3 kugera kuli 5) na Gouvernement cyangwa zazaturuka ku mfashanyo ziva mu mahanga

- imali izatangwa mu mushinga
- kwigisha abakozi

- imilimo igenwe muli plan de développement no muli planning touristique (iyiga ryayo rigiye kurangira)
- gushinga imali ikoresha

3^o inyungu zizaturuka ku mikoreshe-reze y'umurage:

- inyungu ya Guest-House na hôtels (ibiguzi by'ikodesha bigomba gusubirwaho)
- Amahôro aturuka ku mwinjoro wa za Parki
- ikodesha ry'amato yo ku Kivu no ku bindi biyaga nyuma

- imikino yo ku nkombe ya Gisenyi: "hors-bords", n'ibindi

4^o inyungu izaturuka m'ukugurisha imitako ikomoka mu gihugu

- cartes postales
- timbres-poste ya propagande (yanditse ho Turismi)
- imitako igurishirijwe abanyamyuga b'abanyarwanda

5^o Bishobotse - n'ubwo abantu bata-bikunda bwose - kwaka taxe de séjour

6° les droits de chasse

7° les droits de sortie sur les produits de la chasse

8° une participation aux bénéfices des ballets nationaux

6° taxes zo guhiga

7° taxes kuby'umuhigo bijyanwa

8° uruhare ku nyungu z'imitwe y'imikino (ballets nationaux).

Kigali, le 5 août 1970

Le Ministre de l'Information
et du Tourisme

Fr. MINANI



Annexe 1

FORMATION PROFESSIONNELLE ACCELEREE
DES AGENTS PREPOSES A L'OFFICE
DU TOURISME (durée: trois mois)

Cours	Nombre total d' heures de cours
Déontologie-Technique d'accueil	6
Langue française	136
Langue anglaise	136
Géographie touristique	48
Géographie du Rwanda: physique populations - climat	
Etude des parcs au moind de vue zoologique et botanique	
Etude d'itinéraires	
Histoire touristique	24
Folklore	
Notions d'histoire du Rwanda	
Notions d'histoire de l'art africain	
Législation touristique	12
Immigration-Douanes-Taxes- chasse	
Visites documentaires	

Icyitonderwaho

KWIGISHA UMWUGA, KU BURYO BUBANGUTSE
ABAKOZI BA TURISMI
(igihe cy'amezi atatu)

Ibyigwa	Amasaha yose ha- mwe y'i- byigwa
Ikinyabupfura-Tekniki byo kwakira abashyitsi	6
Igifransa	136
Icyongereza	136
Geographia y'Ubukerarugendo	48
Geographia y'u Rwanda: imime- rere - abaturage - ibihe	
Kwiga parki: inyamaswa zizi- turamo n'ibiti bizimeramo	
Kwiga inzira z'u Rwanda	
Amateka y'Ubukerarugendo	24
Ibiroli nyarwanda	
Amateka y'u Rwanda	
Amateka y'ibishimishamaso by'Afrika	
Amategeko y'Ubukerarugendo	12
Ubwinjiragihugu-amahoro- Taxi-imihigo	
Ingendo zigisha	-